IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 17, KIGENEWE ABAHINZI- BOROZI IGICE CYA KABIRI KAMENA (11-20), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 23 Kamena 2020

Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Kamena 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, mu Ntara y'Aamajyaruguru, iy'Uburengerazuba ndetse no mu Ntara y'Amajyepfo niho haguye imvura nyinshi kurusha ahandi hasigaye mu gihugu. Ahaguye imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 40.5.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya kabiri cya Kamena, Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi(°C) 19.3 muri Musanze na 29.0°C mu Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 11.4°C ku bupimiro bwa Busogo na 18.1°C ku bupimiro bwa Bugarama.



Ishusho 1: Imvura yaguye ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Kamena 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Kamena 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi y'igice cya kabiri cyari hagati ya milimetero 0.6 na milimetero 40.5. Mu Ntara y'Amajyaruguru, iy'Iburengerazuba, mu Karere ka Ruhango mu Ntara y'Amajyepfo ndetse no mu Ntara y'Uburasirazuba niho haguye imvura nyinshi kurusha izi ntara. Ahaguye imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Byimana mu karere ka Ruhango mu ntara y'Amajyepfo haguye imvura ingana na milimetero 40.5, no mu Ntara y'Amajyaruguru ku bupimiro bwa Busogo hapimwe milimetero 35.1 no ku kibuga cy'indege cya Rubavu hapimwe milimetero 23.2.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura muri mm

1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Kamena

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Kamena.

Ubusanzwe igice cya kabiri cya Kamena kigusha imvura iri hagati ya milimetero 3.3 na 17.4; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari nyinshi mu bice byinshi by'igihugu uretse mu Ntara y'Amajyepfo ukuyemo akarere ka Ruhango, imvura kandi yabaye nke mu bice byinshi by'Umujyi wa Kigali.

Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Kamena

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Kamena 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Ku bupimiro bwa Gitega no ku bupimiro bwa Nyamagabe nta munsi numwe imvura yaguye, imvura yaguye umunsi umwe ku bupimiro bwa Gicumbi na Ngoma, iminsi ibiri yabonetse kubupimiro bwa Kigali Aero, Musanze, Rubengera, Kawangire and Nyagatare, ahandi hasigaye imvura yaguye mu minsi irenze itatu uretse ku bupimiro bwa Rubavu imvura yaguye minsi irindwi.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumenze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cya Kamena 2020 bwaragabanutse cyane bitewe n'ibihe by'izuba byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kugabanuka mu gice cya gatatu cya Kamena bitewe n'uko imvura izakomeza kugabanuka.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi.

Mu Ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 19.3 na 26.6 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 29.0. Ugereranyije n'iminsi icumi yigice cya kabiri cya Gicurasi ubushyuhe bwo hejuru bwagabanutseho gato



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 11.4^0C (Musanze) na Dogere Selisiyusi 18.1^0C (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha utundi duce tw'igihugu. Ugereranyije n'iminsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi ubushyuhe bwo hasi bukaba bwaragabanutseho gato.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya Gatatu cya Kamena (tariki 21-30) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Kamena (hagati y'italiki ya 21 niya 30 Kamena) mu Rwanda hateganyijwe kurangwa n'imvura iri hagati ya milimetero 0 na 45mm muri rusange. Mu turere twa Rubavu n'igice cy'akarere ka Rutsiro, Nyabihu, Nyamasheke, Rusizi, Nyamagabe na Nyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Mu bice bisigaye by'intara y'Iburengerazuba, iby'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru hakiyongeraho akarere ka Burera na Musanze n'igice cya karere ka Muhanga, Gakenke na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30. Ahasigaye hose hateganyijwe imvura nke iri hagati ya milimetero 0 na 15. Iyi mvura iteganyijwe hagati y'italiki 21 na 25 Kamena 2020, umubare w'iminsi izagwa ukazaba uri hagati y'iminsi 2 ni 4 bitewe n'ahantu kandi ikaba izaturuka ku miterere ya buri hantu. Imvura iteganyijwe mu gice cya gatatu hagati ya 21 – 30 Kamena 2020 iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri icyo gihe mu gihugu hose. Ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu muri Kamena hagati ya 21 – 30 iri hagati ya mm 0 na 20 bitewe n'ahantu.



Ikarita ya 7: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya gatatu cya Kamena

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ko imvura irimo gucika ndetse ikazagabanuka cyane mu gice cya gatatu cya Kamena 2020 (tariki 21-30), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gukurikiranira hafi ibihingwa ndetse baka n'abavomerera aho biri ngombwa kandi bakomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.